// EJO HEZA

H'URUBYIRUKO

Akanyamakuru k'ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke

Nimero 5 Akanyamakuru gasohoka rimwe mu gihembwe

Telefone: 0788541052 - 07 87791293 - 07 22 58 06 38

E-mail: ejoheza2013@yahoo.fr, nyamashekeyfc@gmail.com www.nyamashekeyegocenter.webs.com

Aka kanyamakuru ntikagurishwa!

youth friendly center

## Uruhare rwa Thomas Sankara mu mpinduka za Burkina Faso













MAYOR WA NYAMASHEKE

## AKAMARO KA POME



AKAMARO KO KUNKWA



Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# IJAMBO RY'IBANZE



Turabasuhuje nshuti basomyi ba Ejo heza. Mbere na mbere tubanje kubiseguraho ku mpamvu zo kutabagezaho akanyamakuru kanyu ku gihe. Ibi bikaba byaratewe n'impamvu zinyuranye ariko zitabujije ko twari tukibazirikana.

Tubazaniye rero nimero ya 3 ya EJO HEZA H'URUBYIRUKO, aha murasangamo byinshi byagiye bihinduka ndetse n'ibyiyongereyemo byose bikaba byaraturutse ku byifuzo bya benshi muri mwe nshuti zacu.Tuboneyeho kandi kongera kubibutsa ko tucyakira ibyifuzo ndetse n'ibibazo byanyu binyuranye kugirango turusheho kubategurira akanyamakuru kanyu ku buryo bubanogeye.

Rubyiruko, nshuti za Ejo heza by'umwihariko, turabamenyesha ko ushaka kutugezaho igitekerezo cye wese yatwandikira kuri aderesi yacu cyangwa se akakigeza ku kigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke.

Ubwanditsi

IJAMBO RY'IBANZE

*-Ijambo ry'ibanze……………………………………………Paji2*
*- Akamaro k'amazi hamwe n'imbuto zitandukanye………………………………………Paji3*
*- Urukundo n'imibanire.. …………………… Paji4*
*-Bite mu bigo by'urubyiruko?........................................Paji 5*
*-Ubumenyi mw'Ikoranabuhanga .............Paji6*
*- Intwari Thomas SANKARA…………………………………………Paji7*
*-Amakuru y'Imikino…………………………………………Paji11*
*-Abahanzi n'Amuzika………………………………………Paji 13*
*- Bite mw'Itorero/……………………………Paji 14*
*-Kwegura kwa Mayor w'Akarere Ka Nyamasheke…………………………………Paji15*
*-Baratwandikiye………………………………Paji16*

**ITSINDA RY'UBWANDITSI:**

**NYIR'IKINYAMAKURU** : *Ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke*
**UMWANDITSI MUKURU:**
*NDANGA Janvier*
**INAMA Y'UBWANDITSI :**
*SINZINKAYO Etienne*
*MUKANDORI Denyse*
*HITABATUMA Maurice*
**ABAKORERABUSHAKE :**
*MUGEMANGANGO Yvonne*
*UMUTONI Carinne*
**UMUNYAMABANGA :**
*MUHOZA Olivier*




Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

## Akamaro k'amazi mu mubiri no ku ruhu by'umwihariko



mazi ni ingenzi cyane mu buzima bwa muntu ariko hirya y'ibyo ngo ahishe yinshi mu buranga bwe nk'uko tubikesha Topsante.fr.

mwe mu bahanga yagize ati « Jya unywa amazi umunsi wose bityo isura we izarabagira ubwiza ». ngo ibyo yabivuze bitewe n'uburyo amazi agira uhare runini mu gutuma isura y'umuntu itungana.

muntu usanga yibaza ibibazo byinshi ku bijyanye n'amazi harimo ibi ngibi : muntu yanywa amazi angana ate ku munsi ? Ese amazi meza ni ameze ate ? se umuntu yahitamo gukoresha amazi ya robine? Ese ni iki umuntu yavuga ı mazi asukuye ? Ibyo, kimwe n'ibindi bibazo umuntu ntakwiye gutinya ubibaza muganga cyane iyo bivuga ku bijyanye n'isano iri hagati y'amazi uruhu rw'umuntu.

**itekerezo by'abantu ku bijyanye n'akamaro k'amazi ku ruhu rwacu**


u bwa Dogiteri (Dr) Jean-Loup Dervaux, wahoze akuriye Ibitaro bya aminuza bya Paris mu Bufaransa, ngo birakwiye kunywa amazi angana na ro 2 cyangwa 2 n'igice ku munsi kugira ngo umuntu agire uruhu rutoshye andi rukeye. Gusa usanga ngo abagore benshi batageza ku gipimo cy'amazi ngana kuriya. Ku bwa Dr Dervaux ngo ingaruka yo kunywa amazi make ni kugira ibibazo byo kugugara (constipation), cyangwa kurwara indwara zifata niyoboro y'inkari (infections urinaires) ndetse n'ibibazo by'impyiko.

byiza ko umuntu agira ikibazo ngo yibagiwe kunywa ibirahuri by'amazi hwanye na litiro 2 cyangwa 2,5 twababwite. Hari uburyo butandukanye muntu yanywamo amazi: ngo umuntu ashobora kunywa amazi akoresheje irahuri nk'uko babigenza imuhira. Ngo umuntu kandi ashobora kunywa isosi otage), icyayi cyangwa akanywa amazi yatekeshejwe amafunguro.

**muntu ashobora kwibaza amazi yanywa akagira uruhu rwe wiza**

Inkuru yateguwe na NDANGA Janvier Ifoto yavuye ku rubuga www.muganga.com

## Imineke n'imbuto za Pomme ndetse n'ibindi biribwa bishobora kugabanyiriza umuntu umubyibuho ukabije, cyane cyane ibinure byo mu nda



**Pome ni rumwe mu mbuto zifitiye umubiri akamaro (Ifoto/Interineti)**


*Imbuto zifite akamaro mu mubiri w'umuntu, haba mu kuwurinda indwara, koza amaraso n'ibindi bitandukanye, muri zo hari icyenda z'ingenzi zifite imbaraga kurusha izindi nk'uko byashyizwe ahagaragara n'urubuga www.care2.com.Pome: Uru rubuto rugira uruhare mu kugabanya no gukumira indwara y'igisukari (Diyabete) na Asima, rukaba runafasha umuntu kugira impumuro nziza mu kanwa kuko rwoza amenyo.**Umwembe:** Umuntu ukunda kurya umwembe umufasha kwirinda ubuhumyi, kuko wifitemo vitamini zoza imyanda ishobora kujya mu maso ikayaca intege mu kureba. Inyanya: Iyo umuntu ariye urunyanya rubisi bigira akamaro mu mubiri we kuko zigabanya amavuta aba yafashe mu bindi biryo, agatera kugira ibinure byinshi. Ibyo bimurinda umubyibuho ukabije, ikindi nuko inyanya ziha abagabo amahirwe yo kutarwara kanseri ifata imyaka myibarukiro. **Ipapayi:** Uru rubuto rufata urwungano ngogozi kuko rubamo amazi yorohereza igifu mu gusya ibyo cyakiriye, rukaba runatuma umuntu agira uruhu rwiza.**Umuneke:** Umuntu urya imineke aba afite amahirwe yo kutarwara umutima kuko igabanya umuvuduko ukabije w'amaraso.**Ironji:** Uru rubuto narwo rugira akamaro ko kugabanya urugero rw'ibinure mu mubiri.**Inanasi:** Iyo vitamini ya poroteini yabaye nyinshi mu mubiri bishobora gutera umubyibuho ukabije ukurura indwara zitandukanye nk'umutima, imitsi n'ibindi. Kurya inanasi bigabanya ibyo bibazo. Urwo rubuto kandi rutuma umubiri udahangarwa n'indwara ya kanseri y'uturemangingo.**Inkeri:** Zirinda indwara zibasira urutirigongo. **Watermelon:** Uru ruboto rugizwe n'amazi ku rugero rwa 92 %, ari nacyo cyatumye rwitwa gutyo. Watermelon ifasha mu kugabanya umubyibuho kuko nta byongera ibinure rugira.*

## OMA WISEKERE



*Mu ijoro ryo ku tariki ya 31 Ukuboza ubwo abantu basozaga umwaka wa 2014 banatangira uwa 2015 neza, har abatamajwe n'inzoga nyu a y'aho bazinyoye ari nyinshi bavuga ko bari kuzisezera burundu.*Mu duce dutandukanye umunyamakuru wa igihe yagezemo, benshi bagaragaye biyambitse ubusa, baruka, barara mu mihanda, za ruhurura no mu bikoni bitari ibyabo.Mihigo Gilbert utuye Ku Gisozi mu karere ka Gasabo, benshi banywa inzoga ku bunani cyangwa ku munsi ububanziriza bavuga ko bari kuzisezera batazongera kuzinywa ariko nyuma ugasanga bataraziretse.Yagize ati '" Mu ijoro ryo ku itariki ya 31 Ukuboza mu mihanda yose hari huzuye abasinzi n'indaya gusa ku buryo hari n'abo wasangaga biryamiyemo cyangwa bari no kuhasambanira kubera ko bari ba

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# URUKUNDO N'IMIBANIRE

## MENYA GUTANDUKANYA URUKUNDO NYARWO N'IRARI

Urukundo byanze bikunze rufite aho ruhirira buri gihe n'imibonano mpuzabitsina, ariko kenshi muri iyi minsi si ko bose babibona ahubwo ibyo kuryama biza mbere y'urukundo ku buryo bigera aho umuntu aryamana n'undi bavuganye gato nta numwe wibuka izina ry'undi kandi nta n'umwe wicuruza urimo bose ngo ni abana bo murugo cyangwa se umuhungu usanzwe wasohotse agahura n'ibishuko. Mu byukuri ibi birababaje si na byiza na gato tudashyizemo n'amakuba biteza abantu banduye izo ndwara twese tuzi. Tutibagiwe kandi ko n'ubundi nta rukundo rwabaho nta rari rihari gusa irari ntabwo rigomba kuruta urukundo, umuhungu akubita undi ikofe kugirango amutware umukobwa, ariko kugira ngo yubakane n'uwo mukobwa umuryango ukomeye bisaba urukundo ntabwo ari irari. Abahungu kenshi nibo bashobora guhita baryamana n'umukobwa ako kanya nta bintu byinshi hanyuma ibyo byifuzo akaba aribyo bitiranya n'urukundo mu by'ukuri ntabwo ari urukundo na ruke, nibyo turebera hamwe icyakwereka ko ufite urukundo cyangwa se ari irari.

***Niba ari irari:***

**Wita cyane ku mubiri w'umukobwa :** rimwe na rimwe ureba uherey ku mabuno uzamura ku gituza isura ukanayigeraho nyuma, benshi ntibanayitaho cyane…ni akabazo !!! Mbere y'uko unamenya izina rye, uba wibaza uko yaba ameze mu buriri

**Ntiwita na gato kubyo avuga :** ntacyo bihindura kuri wowe niba mutarigeze muganira, ntunatinya gukuraho telephone iyo aguhamagaye, ushobora kumara iminsi utamuvugisha keretse yongeye kukwemerera.

**Ushaka kumubona gusa kugira ngo muryamane :** gutya buri gihe uba ufite impamvu zo kuvuga iyo aguhamagaye ashaka ko mubonana, kereka iyo ari mu buriri birumvikana. Yakuvugisha ibindi bintu ukumva ntiwishimye.

**-Nta gaciro umuha kanini :** iyo wisohokeye kuwa gatanu birumvikana ko utamwikoza uba uri kumwe n'abantu bawe mwamara kunywa abiri saa tanu ukaba urahamagaye ngo aze musangire…mvugishije ukuri ibyo wamugurira byose ntabwo ziba ari impuwe.

**Iyo murangije buri gihe uhita ugenda :** iyo uri mu buriri nawe isaha na telephone biba bitaretse iruhande, warangiza ntamenya aho unyuze kandi buri gihe uba ufite umuntu uba aguhamagaye, uhita ujya kureba…"Ka ngende hari umuntu umpamagaye byihutirwa ye!"

***Iyo ibyo urimo ari urukundo :***

**- Murishimirana buri gihe :** mu biganiro byanyu ibyishimo biba ari byose amasaha akanyura ho nk'iminota, uba wumva ushaka kumva uko umunsi wa mugenzi wawe wagenze ibyo yahuye nabyo n'ibindi nkibyo.

**Ubona ari mwiza buiri gihe :** wamusanga mu gitondo mu buriri cyangwa ahandi atakwiteguye buri gihe uba ubona ashimishije amaso yawe

**Wishimira kumarana igihe nawe :** mwaryamana mutabikora byose ntabwo uba ubyitayeho cyane, yakubwira ko mugomba gutegereza ukabyemera utaburanye.

**Umwereka inshuti :** nyuma yo kumarana nawe iminsi ubona ari ngombwa ko inshuti zawe zimumenya kandi zikamukunda (nubwo hari igihe zigukorana !)rimwe na rimwe n'ababyeyi iyo igihe kigeze.

**Aza cyane mu ma gahunda yawe :** niyo waba ufite gahunda yo gusohokana n'abahungu bagenzi bawe, nubwo utamuzana ariko uba wumva byagushimisha kuba mwari kumwe nawe muri ako kanya.

**-Buri gihe uramushyigikira :** iyo umuntu amuvuze nabi ako kanya uramucyaha kandi ukaburanira umukunzi wawe, buri gihe ugashyigikira ibyo avuze hanze niyo mwaba mugera mu rugo imirwano igakara.

Mu rukundo rero habamo ibintu byinshi tutavuga ngo turangize, ariko ukobiri ni ibintu bigaragarira buri wese ko urukundo rutandukanye n'irari. Irari naryo ni impumyi nk'urukundo gusa ryo riteza ibibazo kurusha urukundo iyo wafashwe n'irari utekerereza hafi cyane bishoboka kandi buri gihe biba ari iby'akanya gato.

**Mwabiteguriwe na NDANGA Janvier hifashishijwe urubuga Gukunda.com**

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# BITE MU BIGO BY'URUBYIRUKO?

## URUBYIRUKO RW'AKARERE KA NYAMASHEKE MU GUSHISHIKARIZWA GUKANGUKIRA GUKORANA N'IBIGO BY'IBIGO BY'IMARI

*Nk'uko bisanzwe mu bikorwa byo guteza imbere urubyiruko rw'u Rwanda,Kuwakane, taliki ya 21 Kanama 2014 Ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke (Nyamasheke Youth Friendly Centre/Centre Amical des Jeunes Nyamasheke) kubufatanye na DOT RWANDA bateguye igikorwa kidasanzwe(special event) cyo gukangurira urubyiruko rusaga 120 rwari ruharangirije amahugurwa y'ikoranabuhanga n'isakazabumenyi ndetse no gukora imishinga ibyara inyungu no kwihangira imirimo.*

*Ibiganiro bikababyaritabiriwe kandi n'abayobozi batantandukanye bari bahagarariye akarere ka Nyamasheke bafite urubyiruko mu nshingano barimo,Bwana Tuyishime Jean de Dieu umuhuzabikorwa wa CNJR mu karere ka Nyamasheke,Mme Nyirahabimana M.Noella umukozi ku karere ushinzwe urubyiruko umuco na Siporo,*

*Bwana Ndanga Janvier ,umuhuzabikorwa w'ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke; abahagarariye ibigo by'imari barimo Bwana NIRINGIYIMANA Pascal uhagarariye DUTERIMBERE ,Bwana KAGANO SACCO,ndetse na Bwana TWAHIRWA Toussaint Tharcisse uhagarariye BDF mu karere ka Nyamasheke.*

## GENDER DISCUSSION AT NYAMASHEKE YFC: DEBATE ON LOW PARTICIPANT OF WOMEN IN DOT PROGRAMS

*We conducting this discussion for knowing the reason why the women are not participate the same revel with man and how we can over came this challenge. The guests invited were: CNF representative in KAGANO Sector (Valentine NYIRANSABIMANA),coordinator of Nyamasheke YFC (Javier NDANGA), animateur of Nyamasheke YFC (Etienne SINZINKAYO) and animatrice of Nyamasheke YFC (Denyse MUKANDORI) The attendance was 44 participants 12 women and 32 men it was both programs (RU and SU).*

*The event started at 3h15min where we started by showing the participants and guests the participation of women in DOT programs where women are ½ of man in both programs (RU and SU) we continued explaining the topic and showing the rules and regulations of debate in general.In brief everybody had the right of sharing his/her ideas others agree or disagree depending of their understanding.*

*The raisons focused by participants are: culture, parents, the rival o understanding, doesn't see the result from those programs, fear and lowe motivation which different to the guest understanding where the guest agree all ideasExcept one concerning to parents.*

***Culture:** To get information for women is not easy because if the wome leave their home they go very fast with the specific purpose without g behind and this caused luck of information meaning that they don't ge enough time to share with others important things and if they get a tim they take the time for talking unnecessary things The culture also is barrier because it obliges the girls things do many things at home compa to boys which are barrier of participation in many communities program **Parent:** some parent is barrier because they give not enough time t girls to participate in many activities. One participant gave a example she said: On Sunday when we go to church the parent tol to girls to come back home before the end of assemble for welcome th guest.**The rival of understanding:** the women fear of some work they don fill comfortable for all work, they don't have the ability of readin communications this lead to unknown of different opportunities like DO programs, some girls are not interested because their focused on marriag without seeing what will happen in future.*

***The guest** helps the participants to over comes those barriers;According t CNF representative in Kagano sector the culture and parent are not barri because the girl must explain to the parent the advantage of participate o those programs and overcome the culture which prevent them t participate in DOT programs she didn't see it as a problem* because every woman is able *as a man. encourages them to **sensitize** the colleagues to participate in DOT programs.*

*According to **coordinator** of NYAMASHEKE YFC the **rival of understanding** and the **behavior** of girl are many barriers which prevent th women to participate in different programs, he gave an example of a paren who can told to her girl to go and buy salt in 1km and she spends 4hours, the parent can't have confident to her when she told to him/her I m going to participate in DOT programs like RU!*

***As conclusion:** CNF will help NYFC & DOT in Mobilization of women and encourage them to participate in DOT programs.*

*Inkuru yateguwe na MUGISHA Evode (DOT employee@NYFC) na SINZINKAYO Etienne(Animateur)*

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional
Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# Smartphone, imwe mu mpamvu ikurura urubyiruko mu busambanyi !

*Ese koko telephoni zigezweho zaba hari aho zihuriye no kuba urubyiruko rw'iki gihe rwishora mu busambanyi ?*

Abashakashatsi bo muri kaminuza ya California y'amajyepho baje kuvumbura ko urubyiruko rufite telephone bakunze kwita smartphone bakunda guhura n'ikibazo cyo gushaka cyane gukora imibonano mpuzabitsina.

Uyu akaba ari ummwanzuro wafashwe nyuma yo kubaza abanyeshuri barenga 1.840 baturukaga mu bigo bitandukanye bya Los Angeles mu mwaka wa 2010 -2011.

Ubu bushakashatsi bwakomeje busobanura ko urubyiruko rugira telephone zifite interineti rukunda kwirebera amafirimi y'urukozasoni ariho ugereranyje n'ababa bafite udutelefoni ducishije make. Muri bariya babajijwe 17% muri bo bahamije ko bakundaga kujya kuri interineti bakuruwe n'amafirimi cyangwa amafoto y'urukozasoni.

Ntibicira aho kuko hari n'urubyiruko rukorera ubusambanyi ku mbuga za interineti bakunze kwita casual sex.

Ibi byatumye aba bashakashatsi banzura ko urubyiruko rukunda gukoresha smartphones ruba rugaragaza amahirwe menshi yo gukorana ubusambanyi n'abacuti babo bahuriye kuri interineti kuko umubare munini mu bazitunze wemeye ko ushaka inshuti ziganisha ku guhuza ibitsina ukoresheje interineti.

Kuba urubyiruko rukoresha izi telefoni muri ubu buryo, ababyeyi ntacyo baba bashobora guhagarika kuko bigoye kumenya icyo umwana akoresha telephone ye. Na none aba bashakashatsi baje kongeraho ko gutunga ino telefoni atari byo muzi wo gukora ibibi, ahubwo ni igikoresho cyoroshya kubigeraho.

Ababyeyi barakangurirwa kuba maso cyane cyane bakunda kuganiriza abana babo mu buryo busobanutse uko bakoresha amatelefoni yabo n'ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bwose aho buva bukagera nk'uko bitangazwa na Eric Rice, umwe mu batangaje ubu bushakashatsi.

Ifoto : techwench.com
Jean Claude NTAWITONDA / UMUGANGA.com

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# URUHARE RWA THOMAS SANKARA MU MPINDUKA ZA BURKINA FASO

*Tariki ya 4 Kanama 1984 – tariki ya 4 Kanama 2014, imyaka 30 irashize icyari Haute Volta gihindutse Burkina Faso. Iki gihugu cyahawe iri zina na Thomas Sankara, umugabo wamenyekanye cyane muri Afurika kubera ibitekerezo bye, byafashije benshi mu mpinduka zidasanzwe.*

***Sankara ugarukwaho kenshi muri Afurika kuri iyi tariki ni muntu ki?***

*Thomas Isidore Noël Sankara yavukiye ahitwa Yako muri Burkina Faso mu gace kari gatuwe n'abayoboke b'idini ya Isilamu benshi, hari kuwa 21 Ukuboza 1949. Sankara witabye Imana kuwa 15 Ukwakira 1987 yishwe mu mugambi wateguwe n'inshuti ye Blaise Compaoré, wari ugambiriye kumuhirika ku butegetsi, dore ko ataremeranyaga n'ibitekerezo bye (Sankara).*


***Ubuto bwa Sankara:****Thomas Sankara ni umuhungu wa Marguerite Sankara (Yapfuye kuwa 6 Werurwe, 2000) na Sambo Joseph Sankara (wavutse mu 1919 yitaba Imana kuwa 4 Nzeri, 2006) akaba yari umujandarume.Sankara yavukiye mu muryango w'Abanyagaturika, yiga amashuri abanza i Gaoua n'ayisumbuye ahitwa Bobo-Dioulasso. Ise yarwanye mu gisirikare cy'u Bufaransa mu ntambara ya II y'Isi nyuma aza gutabwa muri yombi n'ingabo z'Abanazi. Umuryango wa Sankara wifuzaga ko yaba Padiri ariko ntibyashobotse. Sankara yahawe amasomo mu mashuri y'abihaye Imana muri Burkina Faso*

***Sankara mu gisirikare:****Nyuma y'amahugurwa y'ibanze mu bya gisirikare yahawe ubwo yari mu mashuri yisumbuye mu 1966, ku myaka 19 Sankara yinjiye igisirikare neza, ndetse nyuma y'umwaka umwe yoherejwe muri Madagascar mu mahugurwa y'abasirikare bakuru (Officers) yabereye ahitwa Antsirabe; aha akaba yarabashije kwirebera n'amaso ye abari bigumuye kuri Guverinoma ya Philibert Tsiranana (Madagascar) mu myaka ya 1971 na 1972.Muri Madagascar kandi, Sankara yabashije gusoma ibitabo bya Karl Marx na Vladimir Lenin, ibitekerezo yakuyemo bikaba byaramuyoboye muri politiki ye yakoze mu buzima bwe bwose.*


*Agaruka mu gihugu cye mu 1972, ahagana mu 1974 yarwanye mu ntambara y'imipaka hagati ya Burkina Faso na Mali. Aha yahabereye kirangiranwa kubera ubunararibonye yagaragaje ku rugamba rwari rubashyamiranyije na Mali ariko nyuma y'umwaka umwe yavuye mu by'intambara nyuma yo gusanga nta shingiro bifite, ahubwo ahita atangira gutekereza kuri politiki yo kwihangana. Sankara kandi yanamenyekanye mu Murwa mukuru Ouagadougou kubera ko yari azi gucuranga gitari akaba yarabaye mu itsinda ricuranga ryitwa "Tout-à-Coup Jazz" ndetse akaba yaranatwaraga ipikipiki; ibi bikaba byaratumye agira isura y'umuntu wicisha bugufi muri rubanda.Mu 1976, Sankara yabaye umuyobozi w'Ikigo gitanga amahugurwa ku bakomando cy'ahitwa Pô. Muri uwo mwaka ni bwo yahuye na Blaise Compaoré muri Morocco; icyo gihe kandi Burkina Faso ikaba yari iyobowe na Colonel Saye Zerbo.Mu gihe cya Colonel Saye Zerbo, itsinda ry'abasirikare bakuru bakiri bato ba Burkina Faso bakoze ihuriro ry'ibanga "Communist Officers' Group"; bamwe mu barimenyekanyemo cyane harimo Henri Zongo, Jean-Baptiste Boukary Lingani, Blaise Compaoré na Sankara.*

***Thomas Sankara muri Guverinoma:****Sankara yagizwe Umunyamabanga wa Leta ushinzwe itumanaho muri Guverinoma yari iyobowe n'ingufu za Gisirikare aho hari muri Nzeri 1981, uyu mwanya ukaba waramwerekeje mu nama ya mbere y'abaminisitiri, ariko nyuma yaje kwegura kuwa 21 Mata 1982, nyuma yo gusanga ubutegetsi buriho burwanya umurimo, ahita atangaza ikiswe "Ibyago ku baniga umuturage" mu gifaransa "Malheur à ceux qui bâillonnent le peuple!"Nyuma yo guhirika ku butegetsi Colonel Saye Zerbo mu Gushyingo, 1982, Maj. Dr Jean-Baptiste Ouédraogo yahise aba Perezida, Sankara aba Minisitiri w'Intebe muri Mutarama 1983, ariko aza kwirukanwa kuwa 17 Gicurasi afungishwa ijisho nyuma yo gusurwa n'umuhungu wa Perezida w'u Bufaransa Jean-Christophe Mitterrand wari ushinzwe Afurika.Henri Zongo na Jean-Baptiste Boukary Lingani nabo icyo gihe batawe muri yombi, bituma habaho imyigaragambyo.****Thomas Sankara ku mwanya wa Perezida:****Mu magambo ye bwite mu Kwakira 1984, Sankara yagize ati "Impinduramatwara muri Burkina Faso ishingiye ku bunararibonye bwa muntu uhereye ku ihumeka rya mbere ry'Ikiremwamuntu. Turashaka kuba abaragwa b'impinduramatwara z'Isi, b'intambara zose zo kubohora ibihugu bikiri mu nzira y'Amajyambere. Twakuye isomo ku mpinduramatwara y'Abanyamerika. Impinduka zo mu Bufaransa zatwigishije uburenganzira bwa muntu. Impinduramatwara y'Ukwakira yatumye haba intsinzi n'igerwaho ry'inzozi z'ubutabera i Paris.""Coup d'Etat" yateguwe na Blaise Compaoré yatumye Sankara aba Perezida kuwa 4 Kanama, 1983 afite imyaka 33. Iyo kudeta yashyigikiwe na Libya icyo gihe yari mu ntambara n'u Bufaransa muri Chad. Sankara yisanze aharanira impinduramatwara akaba yarafashwaga n'urugero rwa Fidel Castro na Che Guevara bo muri Cuba ndetse n'umuyobozi w'ingabo muri Ghana, Jerry Rawlings.*

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional







Sankara yateje imbere ibitekerezo by'Ishyaka rya Demokarasi riharanira impinduka rizwi ku izina rya "Democratic and Popular Revolution" (Révolution démocratique et populaire, cyangwa RDP). Izi mpinduka zatangijwe na Sankara zari zigamije kurwanya ubuhake ndetse akaba yaranabigaragaje mu ijambo yavuze kuwa 2 Kanama 1983.Politiki ye yari igamije kurwanya ruswa, guteza imbera iterwa ry'amashyamba, kurwanya inzara no kwibanda ku burezi n'ubuzima.

**Gukuraho ubutegetsi bw'abashefu:** Guverinoma iyobowe na Sankara yakuyeho byinshi mu byagenerwaga benshi mu bategetsi b'amoko, birimo nko guhabwa amaturo no kubakorera. Icyo gihe hahise hashyirwaho komite zishinzwe kurinda Impinduramatwara ndetse zinahabwa intwaro. Tariki ya 4 Kanama 1984, ku isabukuru ya mbere afashe ubutegetsi yahise yita iki gihugu Burkina Faso, bivuze "Igihugu cy'abahagaze bemye" mu ndimi za Moré na Djula, zikoreshwa cyane muri Burkina Faso. Yanatangije ibendera rishya anandika indirimbo nshya y'igihugu yiswe «Une Seule Nuit». Burkina Faso ikaba yari isanzwe yitwa Haute Volta.

**Uburenganzira bw'abagore n'Icyorezo cya SIDA:** Sankara agaruka ku burenganzira bw'abagore n'icyorezo cya SIDA yagize ati "Impinduka no kwibohora kw'abagore birajyana. Ntitwavuga uburenganzira bw'igitsinagore nk'igikorwa cy'impuhwe cyangwa se nk'impuhwe z'ikiremwamuntu. Ni ikintu cya ngombwa mu gushimangira impinduramatwara. Abagore bafite ikindi kimwe cya kabiri cy'ikirere."Guteza imbere igitsinagore byari mu ntego za Sankara na Guverinoma ye yari igizwe n'umubare munini w'abagore. Guverinoma ye yakuyeho ibyo gukata abagore imwe mu myanya y'igitsina cyabo, kubashyingira ku ngufu no kubashakiraho abandi bagore; ibi bikaba byarajyanaga no kubashyira mu myanya yo hejuru no kubashishikariza kuva mu rugo ndetse no kuguma mu mashuri kabone n'ubwo baba batwite.Sankara yashyizeho uburyo bwo kuboneza urubyaro anashishikariza abagabo kujya bajya ku isoko no guteka hagamijwe kubumvisha uko imirimo y'abagore imera. Ikindi ni uko Sankara yabaye umuyobozi wa mbere muri Afurika washyize abagore muri Guverinoma ndetse no mu gisirikare.Guverinoma ya Sankara ni yo ya mbere muri Afurika yagaragaje SIDA nk'icyorezo gikomeye gihangayikishije Afurika.

**Intambara na Mali yakuruwe n'ibarura:** Mu 1985, Burkina Faso yateguye ibarura rusange. Abakoraga iryo barura baribeshye bajya mu nkambi ziherereye muri Mali, icyo gihe Guverinoma ya Mali ihita itangaza ko havogerewe ubusugire bw'igihugu ahitwa Agacher. Mali yatangiye gusaba abayobozi b'Afurika kotsa igitutu Sankara, nuko umunsi umwe kuri Noheli yo mu 1985, Burkina Faso yahise yinjira mu ntambara na Mali imara iminsi itanu hapfamo abagera ku 100 abandi barakomereka. Abenshi mu bapfuye baguye mu isoko ubwo indege y'intambara ya Mali yateraga igisasu mu isoko. Aya makimbirane azwi ku izina ry'"Intambara yo kuri Noheli" muri Burkina Faso.

**Ibyaranze SankaraI**

kirangantego cya Burkina Faso cyo ku butegetsi bwa Sankara hagati ya 1984 na 1987, cyari kigizwe n'agafuni gashamikanye n'imbunda ya Karacinikovu (AK-47) cyanditsemo amagambo agira ati "Gukunda igihugu cyangwa urupfu, tuzatsinda"Mu byaranze kwicisha bugufi kwe, Sankara yakunze no kugira ibikorwa byatumye amenyekana bituma anavugwa cyane mu itangazamakuru mpuzamahanga na Guverinoma ye.

**Bimwe muri ibyo bikorwa…**

Sankara yagurishije imodoka zo mu bwoko bwa Benz Mercedes z'abaminisitiri asaba ko bose bazajya bakoresha izo mu bwoko bwa Renault 5 zari zihendutse cyane muri Burkina Faso.Yagabanije imishahara y'abakozi ba Leta bahembwaga neza, harimo n'umushahara we ndetse anabuza ibyo gukoresha abashoferi ba Guverinoma no kugura amatike y'indege yo mu cyiciro cya mbere.Sankara yasaranganyije ubutaka mu bakene icyo gihe umusaruro w'ingano uva kuri biro 1700 kuri hegitare ugera kuri 3800 kuri hegitare bituma igihugu cyihaza mu biribwa.Yarwanyije inkunga z'amahanga agira ati "ukugaburira aranakuyobora".


Mu nama zitandukanye z'Afurika Yunze ubumwe yakunze kugaruka ku bukoloni bushya bugenda bwinjira muri Afurika bunyuze mu bucuruzi bw'Abanyaburayi ndetse n'inkunga.Umugore wa Sankara, Mariam Sankara, yagize ati "Thomas yari azi uko azereka abaturage be uko bihesha agaciro ndetse no kwishimira uko bari binyuze mu mbaraga zabo, umuhate, kwiyubaha n'umurimo. Ibindi birenga ku mugabo wanjye ni kuvugisha ukuri."Sankara yafashe ububiko bw'ibiryo I Ouagadougou bigenerwa abasirikare abuhindura iguriro rya buri wese. Iyi ikaba ari yo "Super Market" yabaye muri Burkina Faso bwa mbere.

Yategetse abakozi ba Leta bose kwitanga umushahara w'ukwezi kumwe ujya mu bikorwa bigamije [illegible] kirimatizeri (Air Conditioner) mu biro bye bitewe n'uko yasangaga ibyo ari ib[illegible]herwe [illegible]yama [illegible] Perezida, yagabanije umushahara we w'ukwezi awugeza ku madorari y'Amerika [illegible] naga[illegible] gitari eshatu na Firigo imwe n'indi yari yaramenetse.

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional
Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

***Imibereho ya Sankara yoroheje:*** *Kubera ko Sankara yakundaga gutwara ipikipiki, yishyiriyeho itsinda ry'abagore ritwara amapikipiki ryari mu bashinzwe umutekano we. Sankara yari azwiho gutembera I Ouagadougou ari mu modoka ye nta barinzi afite yambaye imyenda ye ya gisirikare na pisitori.Abajijwe impamvu atifuje ko igishushanyo cye gishyirwa ahantu nyabagendwa, Sankara yasubije muri aya magambo ati "Hari miliyoni zirindwi za ba Thomas Sankara." Kubera ko yari azi gucuranga gitari neza, Sankara yiyandikiye ku giti cye indirimbo yubahiriza igihugu.*

Thomas Sankara yakundaga kandi yari azi gucuranga gitari



**Uburenganzira bwa muntu**: *Human Right Watch yakunze kuvuga ko Sankara ahonyora uburenganzira bw'ikiremwamuntu harimo gutanga ibihano ndengakamere, gufunga abantu ku buryo bwa hato na hato no guhohotera abatavuga rumwe n'ubutegetsi. Mu 1987, umuryango wa Guverinoma y'Abongereza, Oxfam wagaraje ihohoterwa n'ifungwa ry'abayobozi b'ishyirahamwe ry'ubucuruzi. Mu 1984, Abantu barindwi bahoze muri Guverinoma zabanje bafunzwe bashinjwa kugambanira ubutegetsi buriho baza kwicwa nyuma y'urubanza. Uwo mwaka kandi kwigaragambya kw'abarimu kwatumye abagera ku 2,500 birukanwa kuva ubwo imiryango itegamiye kuri Leta yatangiye kubangamirwa n'ibindi.*

***Sankara, Che Guevara wa Afurika:*** *Thomas Sankara yagize ati "Che Guevara yatwigishije kwigirira icyizere, kwigirira icyizere mu bikorwa byacu. Yatubibyemo ko intambara ari yo mahitamo yacu. Yari umuturage wo mu isi yigenga twese turi guharanira kubaka. Ni yo mpamvu tuvuga tuti Che Guevara ni Umunyafurika akaba n'Umunyaburkinafaso."*

*Sankara, ukunze kugaragazwa nka Che Guevara wa Afurika yagenderaga ku bitekerezo bya Guevara (1928–1967) haba mu myambarire no mu mibereho. Mu myambarire, Sankara yiganye Guevara ahitamo kwambara imwe mu myambaro iteye nk'iye, mu mibereho yiyemeza gusigarana ubutunzi buke, n'umushahara muto ubwo yari ku butegetsi. Aba bagabo bombi bari inshuti za Fidel Castro (Sankara yasuwe na Castro mu 1987), bose bakaba baraharaniraga isaranganywa ry'ubukungu.Aba bagabo kandi bishwe bafite imyaka mike kuko yari ikiri muri za 30 bishwe n'abo batavuga rumwe. Guevara yari afite 39, Sankara 38.*


***Urupfu rwa Sankara:*** *Tariki ya 15 Ukwakira 1987 Sankara yishwe n'itsinda ryitwaje intwaro riri hamwe n'abandi bayobozi bagera kuri 12, akaba ari Coup d'Etat yari yateguwe n'uwari inshuti ye Blaise Compaoré. Sankara yishwe ageza ijambo kuri rubanda. Zimwe mu mpamvu zatanzwe zivugwa harimo iy'uko umubano wa Burkina Faso n'ibihugu by'ibituranyi wari warazambye aho Compaoré yavugaga ko Sankara yazambije umubano n'ibihugu by'amahanga birimo u Bufaransa na Cote d'Ivoire.*

*Prince Johnson, wahoze ari umurwanyi muri Liberia akaba yari inshuti na Charles Taylor, yabwiye Komisiyo y'ukuri n'ubwiyunge ko urupfu rwa Sankara rwari rushyigikiwe na Charles Taylor. Nyuma y'iyo Coup d'Etat, ishyaka rye ryakoze imirwano yamaze iminsi mike. Umurambo wa Sankara warashwanyagujwe utabwa ahantu hatamenyekanye. Umuryango we wahise uhunga, Compaore yigarurira byose ndetse anahita ahindura politiki za Sankara. Umurage yasigiye Afurika:Uwitwa Antonio de Figueiredo yagize ati "Afurika n'Isi muri rusange ntibirakira ibikomere byasigiwe n'urupfu rwa Sankara nk'uko tutazibagirwa urupfu rwa Patrice Lumumba, Kwame Nkrumah, Eduardo Mondlane, Amílcar Cabral, Steve Biko, Samora Machel, ndetse vuba aha na John Garang, muri bake twavuga. Mu gihe inkozi z'ikibi zitigeze zikoresha uburyo bumwe mu kwica aba Banyafurika b'intangarugero, ahubwo zahisemo kuyoborwa n'intego imwe yo kugumisha Afurika mu minyururu."*

*Nyuma y'imyaka 20 yishwe, kuwa 15 Ukwakira, 2007, Thomas Sankara yibutswe mu mihango yabereye muri Burkina Faso, Mali, Senegal, Niger, Tanzania, Burundi, France, Canada, na USA.*

***Uruhare rw'u Bufaransa mu rupfu rwa Sankara ntiruzwi neza:*** *Mu myaka ibiri ishize, umudepite w'Umufaransa André Chassaigne yavuze ko azotsa igitutu Guverinoma y'u Bufaransa igashyiraho Komisiyo ishinzwe gucuk[illegible] Chassaigne, uri mu ishyaka ry'abakominisite yavuze ko ari gukurikirana ibaru[illegible] yanditswe bashaka kumenya uruhare rw'u Bufaransa. Chaissaigne aganira [illegible]anyamakuru [illegible] utamenya, bwagize uruhare mu rupfu rwa Sankara…Ntibyumvikana gusiga mu gihirahiro abatura[illegible]*

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# AMAKURU Y'IMIKINO



### *Ronaldo yashyikirijwe igihembo cy'umukinnyi w'umwaka wa 2014 ku isi adahari*



*Umukinnyi w'ikipe ya Real Madrid ukomoka mu gihugu cya Portugali, Cristiano Ronaldo niwe watoranyijwe nk'umukinnyi w'umwaka mu mikino yose ku isi na BBC ahigitse abo bahataniraga icyi gihembo barimo: Serena Williams ( ukina Tennis), Floyd Mayweather( Ukina iteramakofe),na Marc Marquez usiganwa mu binyabiziga.*

*Ubwo hatangazwaga uwatsinze, uyu musore ntiyari ahari kuko ubu ari kumwe n'ikipe ya Real Madrid muri Maroc aho bakomeje kwitegura imikino y'igikombe cy'isi cy'Amakipe bazahuramo kuri uyu wa kabiri n'ikipe ya Cruz Azul yasezereye Sydney Wanderers, gusa akaba yohereje ubutuma bushimira abamutoye bose, harimo na BBC.*

*Cristiano w'imyaka 29, kuri ubu uri mu bakinnyi batatu, Fifa izatoranyamo umuknnyi wa mbere ku isi yari yatowe kandi nk'umukinnyi w'umwaka mu mupira w'amaguru muri Mutarama uyu mwaka, akaba amaze gutsinda ibitego 61 mu mikino 58 amaze gukina kuva ku itariki ya mbere Mutarama uyu mwaka, n'ibitego 281 mu mikino 267 yakiniyemo Real Madrid yose hamwe.*

*Abaye umukinnyi wa kabiri ukina Ruhago wegukanye iki gihembo, nyuma ya Ronaldo w'umunya Brazil wacyegukanye mu 2002.*

***Abandi bagiye begukana icyi gihembo:***

- *2006: Roger Federer (umu Suwisi ukina Tennis)*
- *2007: Roger Federer (umu Suwisi ukina Tennis)*
- *2008: Usain Bolt (umunya Jamaica usiganwa ku maguru)*
- *2009: Usain Bolt (umunya Jamaica usiganwa ku maguru)*
- *2010: Raphael Nadal ( Umunya Espagne ukina Tennis)*
- *2011: Novak Djokovic (Umunya Serbiya ukina Tennis)*
- *2012: Usain Bolt (umunya Jamaica usiganwa ku maguru)*
- *2013: Sebastian Vettel (Umudage ukina F1)*

*Tukaba twabibutsa ko mu gikombe cy'isi cy'amakipe amakipe yose yo ku mugabane w'Afurika yamaze gusezererwa nyuma y'itsindwa rya ES Setif igitego 1-0, itsinzwe na Auckland City.*

*MU RWANDA*

*Mu mukino wari utegerejwe na benshi ku munsi wa 10 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere yari yakomeje kuri iki Cyumweru urangiye Rayon Sports itsinzwe n'ikipe ya AS Kigali y'umutoza Eric Nshimiyimana, ibitego 2-1.*

*Ikipe ya Rayon sports yari yakiriye umukino yagiye gukina izirikana ko ikipe ya AS Kigali ari yo yayibujije igikombe mu mwaka ushize wa shampiyona. Buretse ibi kandi, kuba amakipe yombi yanganyaga amanota ku mwanya wa kabiri byakomezaga umukino kurushaho.*

*Nubwo hari habaye gukanira umukino ku mpande zombi, iminota 90 yo yari ihishe byinshi kuko yaje kurangira ikipe ya AS Kigali yegukanye intsinzi y'ibitego 2-1, aho igitego cy'intsinzi cya AS Kigali cyatsinzwe na Kabura Muhamed mu gihe Rayon Sports yari yishyuriwe na Peter Otema.*

*Umutoza w'ikipe ya Rayon sports Andy Mfutila Magloire akaba atarabona amanota yose uko ari atatu mu mukino wa shampiyona nyuma yaho agereye muri iyi kipe .*

*Gutsindwa kwa Rayon sports ku kaba gutumye itakaza umwanya wa kabiri aho isizwe na APR* ya mbere *amanota 5 na AS Kigali ya kabiri amanota 3. Mu wundi mukino wabaye kuri icyi cyumweru, Gicumbi ikaba yabashije kwihagararaho imbere ya Kiyovu bivugwa ko nayo ifite inkomoko muri aka gace, aho amakipe yombi yanganyije 0-0.*


***Uko imikino yose yarangiye ku munsi wa 10 wa shampiyona:***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

- Amagaju 1-2 APR FC
- Espoir 0-0 Sunrise FC
- *Etincelles 0-0 Marines*
- *Musanze FC 0-1 Police*
- *Isonga 1-2 Mukura VS*
- *Rayon sports 1-2 AS Kigali*
- *Gicumbi FC 0-0 Kiyovu sports*

## NI NDE UZAKIJANA?

*Nk'uko umuhanzi Rafiki yabiririmbwe ati ni nde uzakijana,iki ni ikibazo kiri kwibazwa n'abantu batandukanye by'umwihariko abafana ba ruhago mpuzamahanga.*



*Mu mikino y'umunsi wa 10 wa shampiyona yakomezaga kuri uyu wagatandatu, ikipe ya APR FC yari yerekeje i Nyamagabe gukina n'ikipe y'Amagaju yabashije gutahukanayo amanota atatu nyuma yo gutsinda ibitego 2-1 bya Mugiraneza Jean Baptiste Migi na Sekamana Maxime nubwo Amagaju yari adafite abakinnyi bayo barimo Rukundo Protogene na Rwanyabahara Miradji ariyo yari yabanje gufungura amazamu mu gice cya mbere.*

Intsinzi ya APR FC, ikaba itumye ikipe y'Amagaju itozwa na Bekeni igeza imikino 13 yose muri shampiyona idatsinda iyi kipe ya gisirikari.Ubwo amakipe yombi yaherukaga guhurira kuri icyi kibuga cya Nyagisenyi n'ubundi ikipe ya APR FC yari yatsinze ibitego 2-1. APR ikaba igumye ku mwanya wa mbere aho ishyizemo intera y'amanota 5 mu gihe igitegereje umukino uzahuza amakipe ayikurikiye ya Rayon sports na AS Kigali kuri icyi cyumweru.

Mu yindi mikino yabaye, Mukura Victory sports yatsindiye Isonga ku Kicukiro ibitego 2-1 yuzuza intsinzi ebyiri mu mikino 10 imaze gukina, mu gihe Isonga yo itarabonaho intsinzi na rimwe nyuma y'imikino 10 yose.

Police ikaba yatsindiye Musanze n'umutoza wayo mushya Baraka Husein iwabo igitego 1-0 cyatsinzwe na Habyarimana Innocent, byatumye iyi kipe itozwa na Kasa Mbungo ikomeza kugenda yitwara neza.

**Inkuru yateguwe na Sinzinkayo Etienne yifashije Ruhago yacu.comCLUB**

Ikipe ya Etincelles ikaba yujuje imyaka ibiri yose idatsinda ikipe ya Marines.



Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional




# ABAHANZI NA MUSIKA



## kinyaga award yerekanye ko hakiri impano zishibuka mu muziki



***Umuhanzi Niyonkuru Albert uzwi ku izina rya Dig Dog niwe wegukanye irushanwa ryari rihuje abahanzi bo mu turere twa Rusizi na Nyamasheke ryiswe Kinyaga Award, ryasorejwe mu nzu mberabyombi y'akarere ka Nyamasheke kuri Noheri ya 2014.***

*Uyu muhanzi ni we warushije abandi mu kugaragaza impano mu gushimisha imbaga y'aho bagiye baca ndetse ahabwa amanota n'akanama nkemurampaka , mu gihe n'abafana batoraga bakoresheje internet.*

*Dig Dog yahawe igikombe n'amafaranga ibihumbi ijana akurikirwa na P2 Sean Jon aba gatatu baba Real Kings.*

***Dig Dog yegukanye "Kinyaga Awards" ahabwa igikombe n'amafaranga ibihumbi 100***

*Akimara gufata igikombe, Dig Dod yatangaje ko ari ibyishimo bikomeye kuri we no ku bafana be, avuga ko ari intangiriro y'ibyiza mu buhanzi bwe, bizatuma yongera ingufu mu guhanga ibifitiye abantu akamaro kandi bibaryoheye.*

*Uyu muhanzi uririmba hip Pop yagize ati "ndashimira abafana n'akanama nkemurampaka babonye nkwiriye iki gihembo, ndizera ko ari intangiriro y'ibyishimo n'ibindi byinshi nzageza ku bakunda ubuhanzi bwanjye".*



*Tuyisenge Jean Bosco uzwi ku izina rya Boston, akaba umwe mu bateguye iri rushanwa avuga ko byagaragaje ko mu kinyaga hari abahanzi bafite impano zikomeye kandi zitaweho zaba imbarutso ikomeye y'umuziki mwiza w'Abanyarwanda, asaba ko iri rushanwa ryaba ngarukamwaka kugira ngo abahanzi bakomeze kuzamura urwego bariho kandi banasusurutse abanyakinyaga.*

*Agira ati "ni ibyishimo bikomeye kuba dusoje iri rushanwa neza kandi nta bibazo byinshi twagize, n'ubwo tutabonye abaterankunga benshi ariko twabonye ko dufite impano zishobora kwitabwaho zikagirira igihugu akamaro, nibikomeza bizaba ari igikorwa cy'ingirakamaro".*

***Abayobozi bitabiriye gusoza amarushanwa "Kinyaga Awards" bijeje ko mbere y'uko abanyeshuri basubira ku ishuri hazaba ikindi gitaramo.***

*Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Gatete Catherine, yavuze ko yatewe ishema no kubona urwego urubyiruko rw'abahanzi bamaze kugeraho, avuga ko ubutaha bazabashyigikira , ndetse ko mbere y'uko ibiruhuko by'abanyeshuri birangira, bazabategurira igitaramo.*

*Yagize ati "mbere y'uko abanyeshuri basubira ku mashuri akarere kazabategurira igitaramo mwongere mwishime kandi aya marushanwa niyongera tuzabashyigikira, muragaragaza ejo heza ku mpano mufite kandi muri imbaraga z'igihugu".*

***Umuyobozi w'akarere wungirije ashyikiriza Dig Dog igikombe.***

*Kinyaga Award yari ihuje abahanzi bagera ku 10, biyeretse abafana mu Bugarama mu karere ka Rusizi bongera mu Bushenge mu karere ka Nyamasheke bisorezwa mu nzu mberayombi y'akarere ka Nyamasheke.*

*Iri rushanwa ryatewe inkunga n'ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke n'inzu itunganya indirimbo ya Boston Pro, ifatanyije, Café de l'Ouest ,uruganda rwenga imitobe "Agasaro" na kaminuza ya Kibogora Polytechnique.*

**Umugwaneza Jean Claude**

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional







# Nyamasheke: Iyo urubyiruko rusinziriye abasigaye bahekenya amenyo –V/M Bahizi

**Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe imari n'iterambere ry'ubukungu, Bahizi Charles arasaba urubyiruko kudasinzira kuko ari bo mbaraga z'igihugu, kuko baramutse basinziriye igihugu cyahomba bigatuma n'abasigaye babura icyerekezo.**





Ibi yabivuze tariki ya 7/1/2015, Mu muhango wo gusoza icyiciro cya mbere cy'urugerero ry'urubyiruko rw'Umurenge wa Kanjongo, mu Karere ka Nyamasheke rushoje amashuri yisumbuye.

Bahizi yabwiye izi ntore ko ari bo igihugu cy'u Rwanda gitezeho ibyiza by'ejo hazaza ko igihe baba basinziriye ntibagikunde kandi ngo bagikorere cyaba ari igihombo gikomeye kuri bo ubwabo no ku gihugu muri rusange.

**Bahizi (hagati) yasabye intore kutazasinzira ahubwo azisaba gukangura n'abasinziriye.**

Yibukije urubyiruko ko rukwiye gushingira ku muco wo gukunda igihugu, bakubaha buri wese, bagafatanya mu bikorwa by'ubwitange bagamije guteza imbere no kubaka ibikorwa biteza imbere igihugu. Yagize ati "ntimuzigere musinzira ahubwo mukangure n'abasinziriye murote kugira igihugu giteye imbere mwishimira kandi mukunda, mukunde igihugu cyanyu mubikorane ubuhanga mwihatira gukora, mugira isuku ku mutima no ku mubiri".

Intore zasoje itorero zo mu Murenge wa Kanjongo zemeza ko zabonye ubumenyi buhagije buzazifasha kuba umurongo nyawo w'abandi bagenderaho mu iterambere ry'igihugu. Niyorukundo Cyriaque avuga ko bagiye gukangurira abandi baturage kwibumbira mu makoperative, bakora ibikorwa by'urukundo nko kubakira abakene no kubigisha kubaka uturima tw'igikoni, kandi babigisha kurushaho kuba umwe nk'abanyarwanda.

Agira ati "dufite byinshi twakuye mu itorero bizadufasha kwiteza imbere no kwivana mu bukene twibumbira mu makoperative, dukora ibikorwa bituvana mu bukene ariko twubakira ku kwirinda amacakubiri aho yava hose".

**Izi ntore zihamya ko zungutse byinshi bizazifasha kuba umurongo abandi bagenderaho mu iterambere ry'igihugu.**

Abasore n'inkumi basaga 260 basoje iminsi itatu y'itorero bigishijwe indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, bahabwa amasomo y'uburere mboneragihugu, bigishwa uburyo bashobora kwivana mu bukene bihangira imishinga kandi bakorana n'ibigo by'imari n'ibindi.Biteganyijwe ko nyuma y'aya masomo, ku itariki ya 13/01/2015, bazatangira kujya ku rugerero aho bazajya bakora ibikorwa bitandukanye by'iterambere, birimo kubakira abatishoboye, gutunganya imihanda, gusibura imirwanyasuri n'ibindi bikorwa by'iterambere.

**Umugwaneza Jean Claude**

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# Nyamasheke: Mureke mbe nduhutse ndekere

**Uwari umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Habyarimana Jean Baptiste aratangaza ko yeguye ku mwanya w'ubuyobozi bw'akarere kuko imbaraga zari zimaze kumubana nkeya, akaba yahaye abandi urubuga ngo nabo batange umusanzu wabo.**

Ubwegure bwa Habyarimana wari umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke bwemewe n'inama njyanama y'akarere yateranye mu gitondo cyo kuwa 7/1/2015. Mu ibaruwa yasomwe n'umuyobozi wungirije w'inama njyanama y'Akarere ka Nyamasheke, Ndashimye Léonce, Habyarimana yagaragaje ko yeguye ku mpamvu ze bwite, ashimira abo bakoranye kandi abizeza ko bazahorana hafi.





**Habyarimana yashimiye abo bafatanyije mu myaka amaze ari umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke.**
**Habyarimana yeguye kuko imbaraga zari zimaze kumubana nke.**

Umuyobozi ucyuye igihe yahise ahabwa umwanya ngo asobanure impamvu ze bwite no kwemeza niba koko ari we wanditse iyo baruwa. Habyarimana yavuze ko ari we wanditse iyo baruwa yo kwegura kandi ko yeguye kuko yabonaga ingufu zo kuyobora akarere zari zimaze kumubana nke, bityo akaba yahisemo kurekera abandi ngo bakomereze aho yari ageze.
Yagize ati "iyo umuntu ari kwiruka ageraho akananirwa akagenda gahoro nyamara akibwira ko ari kwiruka, abamureba bakabona atakiva aho ari, twatangiranye intege nyinshi ariko biragaragara ko zari zimaze kuba nkeya, none mureke mbe nduhutse ndekere n'abandi bakore".
Habyarimana yasabye abajyanama kumufasha gushimira umuryango RPF-Inkotanyi wamugize icyo yari aricyo avuga ko azakomeza gukorera u Rwanda uko intege ze zizaba zikibimwemerera.

Nyuma y'iryo jambo ry'uwari umuyobozi w'akarere, abajyanama bose bafashe ijambo bashimiye uburyo bakoranye na Habyarimana Jean Baptiste, bavuga ko mu gihe bamaranye bagiye batwara ibikombe byinshi by'imihigo ndetse ko iterambere bamaze kugeraho rigaragara.Abajyanama bavuze ko ubwo ari we wahisemo kwemeza ko ananiwe nta kundi byagenda uretse kwemera ubwegure bwe.

Visi perezida w'inama Njyanama y'Akarere ka Nyamasheke yavuze ko babonye ubwegure bwa Habyarimana ku mugoroba wo kuwa gatatu tariki ya 7/1/2014 ndetse bakaba bamaze kubwemera bakaba bagiye gutanga raporo, nyuma y'iminsi 30 hakazaboneka umuyobozi mushya w'akarere.Yagize ati "tugiye gutanga raporo yemeza ko twemeje ubwegure bw'uwari umuyobozi w'akarere, hanyuma tuzitoremo umuyobozi w'akarere mu minsi itarenze 30".Kuri ubu akarere ka Nyamasheke kagiye kuba kayoborwa n'umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imari n'iterambere ry'ubukungu, Bahizi Charles.Habyarimana Jean Baptiste wasezeye ku buyobozi bw'akarere yari abimazeho igihe kingana n'imyaka 5 kuko yabitangiye ku itariki ya 01/09/2009, aho aka karere kagiye kegukana ibikombe by'imihigo.Biravugwa ko ikibazo cyo gutanga imibare idahuye n'ukuri hagamijwe kwerekana ko imihigo yagezweho ku cyegereranyo cyo hejuru kandi atari byo mu bwisungane mu kwivuza, byaba biri mu byateye ukwegura k'uyu muyobozi mu gihe abashinzwe ubwisungane mu kwivuza bagikurikiranwa n'ubutabera.

**Umugwaneza Jean Claude**

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# BARATWANDIKIYE



Muraho banyamakuru ba ejo heza.Nifuzaga kubashimira cyane  kuko kuva natangira gusoma iki kinyamakuru cyacu nungutse byinshi cyane

**NIYONSENGA Patrick.**

**N**shuti mutugezaho ejo heza muraho ni amahoro? Nkuko dusoma inkuru mwandika cyane cyane izivuga k'ubuzima  turabashimira cyane kuko nanjye natangiye kubahiriza ibijyanye no kurjya ibirjo byujuje vitamini kandi nkirinda ibyatuma ngira umubyibuho ukabije

**Nshuti ya Ejo heza, urakoze kandi turabizeza kubagezaho inkuru zitandukanye cyane cyane z'ubuzima kuko ubuzima burahenda.**

**Ubwanditsi bwa Ejo heza.**



Ndabasuhuje banyamakuru ba ejo heza.

Mbandikiye ngirango mbamenyeshe ko nashimishijwe n'igisubizo cyanyu nyuma yo kubabaza ikibazo cyanjye.Mboneyeho no kubamenyesha ko niba bishoboka nifuzaga kumenya urubuga nasangaho akanyamakuru ejo heza h'urubyiruko.

**GIRUMUGISHA N. Carine**

**TURAGUSHIMIYE BY'UMWIHARIKO NAWE TUNABONEYEHO KUKUBWIRA KO URUBUGA RWACU ARI** *www.nyamashekeyegocenter.webs.com*

***URUBUGA RWACU RURAKORA NEZA NTAKABAZO.***

*Nawe twandikire kuri aderesi yacu ikurikira*

**Email:** ***ejoheza2013@yahoo.fr***

***Dusange kuri facebook wandike ijambo "ejol ... "***

Web ... *ww.nyamas*

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional
Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional